


LETA YA MAINE



Ubutaka kuri ubu bwitwa Maine ni igicumbi cy'umurange uhamye w'indimi. Ubushobozi bwo kuvuga indimi zirenze rumwe ntabwo ari imbaraga z'uburezi gusa—ni ishusho y'irage ry'umuco ridacika, ibiranga umuryango n'isano ry'abawugize.



FRED RAVAN,
UMWARIMU W'ICYESIPANYOLO AKANABA
PEREZIDA W'ABAREZI BAHARANIRA
UBUMENYI BW'INDIMI NYINSHI (EMME)

"Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri **ni uburyo bwo guha abanyeshuri amahirwe angana** kubera ko gituma babona amahirwe yo kwiga indimi, kandi ubusanzwe batari kuziga. Mu by'ukuri, turi kureba uburyo twakoresha isuzuma **abanyeshuri bose bo mu myaka itandukanye** kugira ngo tumenye aho bageze bamenya indimi mu myaka bamaze."



Abanyeshuri bo ku kigo cy'amashuri yisumbuye cya Bangor High School bahawe Ikirango mu mwaka w'amashuri wa 2024-2025

IBYEREKERANYE N'IKIRANGO CY'UBUMENYI BW'INDIMI EBYIRI

Iri ni ishimwe ritangwa na Leta rigashyirwa ku mpamyabumenyi umunyeshuri ahabwa arangije amashuri yisumbuye no ku ndangamanota mu rwego rwo guha agaciro ubumenyi mu ndimi ebyiri cyangwa zirenga.

Rigenewe abanyeshuri bose, harimo abavuga indimi gakondo bigiye mu rugo urundi rurimi rutari icyongereza.



BOBIN PARK, UMUNYESHURI WA BOWDOIN

"Kuba nkoresha indimi nyinshi bimfasha gukomera ku muco wanjye mu gihe ngenda naguka mu bitekerezo by'uko mbona isi."



PAULINA SARGENT, UMWARIMU W'ICYESIPANYOLO

"Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri gitanga agaciro kajyanye n'umurava umunyeshuri wanjye yakoresheje. **Turebera ku ikarita ya DOE** maze tugaterwa ishema no kuba ikigo cy'amashuri cyacu gito gihagarariwe."

GUTANGIRA

Uzuza ibisabwa bikurikira kugira ngo uhabwe Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri igihe uzaba urangije amashuri.

- Ubumenyi bw'ururimi rw'Icyongereza (*kurangiza amashuri yisumbuye*)
- Ubumenyi bw'ururimi rwa kabiri (*isuzuma mpuzamahanga ry'indimi*)

Ohereza ubusabe bwawe ku kigo cy'amashuri wigaho bitarenze ku wa 30 Nyakanga. Nta yandi mafaranga ucibwa kugira ngo wohereze ubusabe nyuma yo kwishyura no gukora ikizamini cyawe cy'indimi.

Ikirango gihesha agaciro ubumenyi bw'indimi abanyeshuri bafite nk'umutungo w'agaciro, kigaragaza umurage w'umuco wabo, kandi kigaragaza ko biteguye kujya muri kaminuza, gukora imirimo itandukanye no guhangana ku isoko ry'akazi ko ku rwego mpuzamahanga.

Baza Umuhuzabikorwa w'Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri ku kigo cy'amashuri yisumbuye wigaho niba ukeneye ibindi bisobanuro. Igihe ni iki ngo ubitegura mbere!



IBYZA BYO KUGIRA IKIRANGO CY'UBUMENYI BW'INDIMI EBYIRI

Abanyeshuri babona inyungu zifatika kandi zishingiye ku buzima busanzwe babikesha guhabwa icyo Kirango cy'ubumenyi, ziyongera ku gutsinda ikizamini.

1. KAMINUZA



KEREDI Y'AMASOMO YA KAMINUZA YA MAINE COLLEGE

Impamvu nyamukuru ishishikaje cyane abanyeshuri benshi guhabwa icyo Kirango ni ukubona amanota muri kaminuza. Leta ya Maine igira kaminuza 6 zitanga a keredi y'amasomo mu gihe ufite Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri (kuva muri Kanama 2025).

Kaminuza ya Maine iri i Farmington
Keredi z'amasomo 6

Kaminuza ya Maine iri Orono
Keredi z'amasomo 6


Kaminuza ya Maine iri i Machias
Keredi z'amasomo 6

Kaminuza ya Maine y'Amajyepfo
Keredi z'amasomo 8

Kaminuza ya Southern Maine Community College
Keredi z'amasomo 8

Kaminuza ya Husson
Keredi z'amasomo 6

****Turagusaba kugenzura niba ishuri rya kaminuza ushaka kwigaho bemera gusa ikizamini cyihariye.**



KWEMERERWA KWIGA MURI KAMINUZA

Uretse kubona keredi z'amasomo muri kaminuza, iki Kirango ni ishimwe. Kubera ko kwemererwa kwinjira muri kaminuza bisaba kurushaho guhatana, iri shimwe ryitabwaho cyane n'ibiro bishinzwe kwemerera kwiga muri kaminuza nk'ishimwe rigaragaza ko watsinze cyane.



KAMINUZA YA MAINE FARMINGTON

LISA ELLRICH, DIRECTOR OF ADMISSIONS

Lisa Ellrich, Umuyobozi ushinze kwemerera abanyeshuri gutangira kwiga muri kaminuza **Abasaba bafite iri shimwe bafatwa** nk'abanyeshuri bakorana umurava bifashisha amahirwe bahabwa kandi bakagaragaza urwego ruhebuje mu bumenyi bw'indimi. Binagaragaza kandi **ubundi bumenyi bwihariye bw'umunyeshuri utabasha kubona** iyo uteye ijisho ku ndangamanota.

Kaminuza ya Maine iri i Farmington ishimira abo banyeshuri mu gihe cy'amaserukiramuco menshi ya buri mwaka. Tubaha uburyo bwo kugira uruhare rwo **gusangiza abandi umurage w'indimi zabo mu bagize umuryango wa kaminuza** kandi tukabibashamo 100%! Duterwa ishema n'ibyo bagezeho kandi twifuza ko nabo bibatera ishema.

Kwiga indimi bifungurira umuntu imiryango yo guhura n'abantu no gusangira imico, ku isi yose na hano muri Maine, bigahuza imiryango binongera imikoranyire y'imigabane y'isi.

2. AKAZI

Abakoresha benshi bashakisha abahatanira akazi bakoresha indimi ebyiri kugira ngo bagure umubare w'abakiliya babo. Abanyeshuri bakoresha indimi ebyiri bagira akamaro kanini mu rwego rw'umurimo, by'umwihariko iyo bari ahantu haha agaciro itumanaho rigera ku abantu benshi.



IBIRO BYA MAINE BISHINZWE ABAKOZI

Ibiro bya Maine bishinzwe abakozi byemera Ikirango nk'igipimo cy'ubumenyi bw'indimi. Abakozi bashobora kandi gusaba inyongera ku mushahara ihabwa abavuga indimi nyinshi kubera ko bakoresha urundi rurimi mu kazi.



AMELIA LYONS RUKEMA, UMUYOBOZI MUKURU

MAINE MOBILE HEALTH

"Nk'umukoresha ushaka abakozi bakoresha indimi ebyiri, Ikirango cy'Ubumenyi bw'indimi ebyiri kibimufashamo cyane! Gituma ubona uburyo bworoshye bwo gusuzuma ubumenyi bw'indimi ku kigero dukeneye, bikadufasha kuzigama igihe n'amafaranga".

Abanyeshuri bashobora kongera icyo Kirango ku myirondoro yabo y'akazi, mu busabe bwo kujya muri kaminuza no mu gusaba akazi kugira ngo bagaragaze ubushobozi bwabo bwo gukoresha indimi nyinshi no kwigaragaza mu isi irangwa no guhatana.

